

REPUBLIKA Y' U RWANDA



URUKIKO RWISUMBUYE  
RWA RUSIZI

ICYEMEZO N° 0019./2019/TGI/RSZ GITEGEKA USHINJWA WATOROTSE  
UBUTABERA KWITABA URUKIKO.

Umwaka w'ibihumbi bibiri na cumi n'icyenda, umunsi wa 29 w'ukwezi kwa GICURASI;

Twebwe **DUSABIMANA Sylvère**, Umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa Rusizi, dufashijwe na MUKARUGWIZA Judith, Umwanditsi muri urwo Rukiko;

Tumaze kubona ko Ubushinjacyaha ku rwego Rwisumbuye rwa RUSIZI bwaregeye uru Rukiko uwitwa **MANIRAFASHA Augustave**, icyaha cyo gusambanya umwana, giteganywa kandi kigahanishwa ingingo ya 190 y'itegeko ngenga n° 01/2012 ryo kuwa 02/05/2012 rishyiraho igitabo cy'amategeko ahana ibyaha mu Rwanda iteganya icyaha cyo gusambanya umwana naho iya 191 y'iri tegeko ikagihana , urubanza rwandikwa kuri numero RP 00044/2019/TGI/RSZ.

Tumaze kubona ko uwitwa ; **MANIRAFASHA Augustave** mwene **HABIMANA Gaspard** na **MUKANDAKEBUKA Colette** wavutse mu 1997 akavukira mu mudugudu wa Save, akagali ka Save, umurenge wa Ruharambuga, akarere ka Nyamasheke, mu ntara y'iburengerazuba mu gihugu cy'u Rwanda, akaba ariho atuye , ni ingaragu, ntarakatirwa ibihano n'inkiko zo mu Rwanda cyangwa izo mu mahanga ku buryo buzwi, akurikiranywe nkuwatorotse ubutabera. Afite nimeru y'indangamuntu 11997800046339069, nimeru ya telefone 0725020810.

Dushingiye ku ngingo za 212, 213, 214 n'iya 215 z'itegeko N° 30/2013 ryo kuwa 24/05/2013 ryerekeye imburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha;

Dutegetse ko **MANIRAFASHA Augustave** agomba kwitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Rusizi kuwa **10/07/2019** saa mbiri za mugitondo aho urukiko ruburanishiriza imanza z'inshinjabyaha, atakwitaba bigafatwa ko yasuzuguye amategeko, akaburanishwa adahari;

Dutegetse kandi ko iki cyemezo gitangazwa kurubuga rw'urukiko rw'Ikirenga ahagenewe kunyuzwa amatangazo kandi kikamanikwa ahagenewe kumanikwa amatangazo ku biro by'Akagari ka Save , ku biro by'Umurenge wa Ruharambuga no ku biro by'Akarere ka Nyamasheke, ndetse kikamanikwa ku rukiko Rwisumbuye rwa Rusizi ahabigenewe.

Iki cyemezo gitangira gushyirwa mu bikorwa ku munsi cyafashweho.

Bikorewe i Rusizi, ku munsi, ukwezi n'umwaka byavuzwe haruguru.

**DUSABIMANA Sylvère**  
**UMUCAMANZA**

**MUKARUGWIZA Judith**  
**UMWANDITSI**